REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IBANZE RWA CYERU

E-mail: cyerutbcyerugroup@ judiciary.gov.rw.

ICYEMEZO N°0001/19/TB/CYE CYO GUSABA UWAMENYA AMAKURU KU RUPFU RWA MBURANO Jean Léonard

Umwaka wa 2019 umunsi wa 26 ukwezi kwa 06,

Twebwe NYIRANSABIMANA Vérène umucamanza mu rukiko rw'ibanze rwa Cyeru dufashijwe na **MUKAMAZIMPAKA Marie Chantal** Umwanditsi w'Urukiko;

Tumaze kubona ko NYIRABAJA Daphrose yatanze ikirego asaba ko urukiko rwemeza ko umugabo we MBURANO Jean Léonard mwene SEMITEJA na NTAMWETE ukwiye kubarizwa mu mudugudu wa Mugari , akagari ka Rusumo, umurenge wa Butaro , yapfuye ikirego kikandikwa kuri nomero RC 00116/2019/TB/CYE ;

Tumaze kubona icyifuzo twagejejweho na NYIRABAJA Daphrose mu iburanisha ry'Urubanza RC00116/2019/TB/CYE ryabaye kuwa 18/06/2019 ; asaba ko hemezwa ko MBURANO Jean Léonard yapfuye ,

Dushingiye ko umurambo wa MBURANO Jean Léonard utigeze uboneka,

Dushingiye ku ngingo ya 17 y'itegeko no 32/2016 ryo kuwa 28/8/2016 rigenga abantu n`umuryango mu gaka ka 3 igira iti : « *Mbere yo gufata icyemezo ku kirego yashyikirijwe, umucamanza afata icyemezo gisaba buri muntu wese waba ufite amakuru kuri uwo muntu wabuze kuyamushyikiriza. Imenyekanisha ry'icyo cyemezo rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imenyesharuhame mu miburanishirize y'imanza z'imbonezamubano.* »

Dusabye kandi dutegetse buri muntu wese waba ufite amakuru ku rupfu rwa MBURANO Jean Léonard kuyashyikiriza umucamanza w'urukiko rw'ibanze rwa Cyeru bitarenze tariki 02/09/2019

NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE NONE KUWA 26/06/2019.

UMUCAMANZA

NYIRANSABIMANA Vérène

UMWANDITSI

MUKAMAZIMPAKA Marie Chantal

Copie Certifiée conforme à l'original, le 27/6/2019
Greffier Mukamazimpaka Marie Chantal